ASb approved



# Ingona n'Impundu

Ibitabo bito bya Zebra

Jeremiah Dube

Kinyarwanda

African Storybook.org



Impundu n’ingona  bari inshuti nziza.

Bakinnye hamwe. basangira hamwe.  Bakoraga ibintu byose hamwe.




Ariko umunsi umwe, Ingona yararwaye cyane. Yari hafi gupfa.

Ingona yagiye k’ umuvuzi. Umuvuzi ati: "Niba ushaka gukira, ugomba kurya inyama z’ impundu."



Ingona imaze kubyumva, irarira.

Niba ishaka gukira, nta kundi yari kubigenza uretse kurya inshuti ye Impundu.



Mu gihe Impundu yagiye kureba inshuti ye, yagiye ku mugongo w’ ingona

Ingona yajyanye Impundu mu gice kinini cy'uruzi.



"Ni iki kikubabaje, nshuti yanjye?" impundu irabaza.

Ingona iti:  "umuvuzi yambwiye ko niba nshaka gukira ngomba kukurya, nshuti yanjye."



Impundu iramusubiza iti:
"Oya, ntundye. Ndi muto
cyane!


Tegereza gato ndahamagara
sogokuru. Aranduta.
N’umurya uzaba wuzuye."



Ingona  iti: "Sogokuru wawe ari he?"

Impundu iramusubiza iti: "Ari mu giti kuri icyo kirwa."

Ingona iti: "Genda umufate kugira ngo ndye."



Impundu yasimbutse iva ku umugongo  w’ ingona yiruka hejuru yigiti.

Ingona yarategereje irategereza. Ariko Impundu ntiyagarutse.

Kandi iyo yari iherezo ry'ubucuti bwabo.

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

# Ingona n' impundu

**Umwanditsi**-- Basilio Gimo
**Ubuhinduzi** -- Francine Muhawenimana
**Icyitegererezo** -- Jeremiah Dube and Ibitabo bito bya Zebra
**Ururimi** -- Ikinyarwanda
**Urwego**-- Igika cya mbere

© Little Zebra Books 2014
Creative Commons: Attribution 4.0
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0
Inkomoko www.africanstorybook.org
Inkomoko yumwimererehttp://www.littlezebrabooks.com

2023.06.09